

Gushakana n'umusaza



Aranya

Sunniva Høyby-Øiset

Abisange Iragna Sandrine

5

Ikinyarwanda



LIDA Stories


lidastories.net

Gushakana n'umusaza

Aranya

Sunniva Høyby-Øiset

Abisange Iragna Sandrine




This work is licensed under a Creative Commons

[Attribution 4.0 International License.](https://creativecommons.org/licenses/by/4.0)

<https://creativecommons.org/licenses/by/4.0>



Nibwiraga ko abagabo bo muri Noruveje ari bo ba mbere ku isi, ariko si ko biri. Mbere y'uko mpura n'uwabaye umugabo wanjye, nakoraga mu ruganda muri Bangkok, we atuye muri Pattaya. Twahuriye kuri Interineti duhita dutangira gukundana.



Nyuma y'igihwe twemeranyije kubana.
Umuryango wanjye urakenyeye, ku bw'ibyo,
kugira umugabo w'umuzungu uzita ku
muryango wanjye ni imwe mu mpanvu
zatumye mbana na we.



Twimukiye muri Noruveje mpita njya mu ishuri kwiga ikinoruveje. Byari ibihe bigoye. Kubera ko nta perimi nari mfite, umugabo wanjye yantwaraga ku ishuri, akantegereza akanangarura. Harimo urugendo rw'isaha imwe mu kugenda gusa. Nyuma y'igihe twimukiye hafi yaho, ariko yahisemo gukomeza kujya anjyana ku ishuri. Ntiyashakaga ko ngenda nnyenyine.

Sinzi ibyo igihe kizaza gihishe. Gahunda mfite ni uguhindura ikigo, ariko umugabo wanyje ntabishaka. Ari guteganya kwimukira ahandi kugira ngo ananze. Nzabyanga, ariko sinzi uko nzabigenza. Kuba mu mahanga ubana n'umugabo w'umusaza ntibyoroshye nkuko nabitekerazaga.




Kuva naza muri Noruveje sinigeze ntunga ifaranga. Rimwe umugabo wanyje yampaye amafaranga yo kurya, ariko kubera ko ari two nari mbonye, naratubitse. Ku ishuri, inshuri zanyje zifuza kumfasha kubona akazi, ariko umugabo wanyje ntabishaka. Yumva ko ngo gukora amasuku ari akazi katanwiriyeye.





Ahubwo yampaye akandi kazi ko kubaka igaraje. Kubera ko we yari boshiye, ni njye wakoraga buri kimwe. Ntiyakoraga byinshi kuko yari arwaye. Ku mafaranga yakuye mu kubaka igaraje ntiyampayeho na make.



Umunsi umwe, yambwiye ko ngo irungu rimwica iyo yasigaye mu rugo wenyine, maze afata umwanzuro ko tugomba gucirira imbwa. Njye nta mbwa nashakaga kuko navaga ku ishuri naniwe kandi nabaga mfite imikoro. Yavuze ko ari we uzajya atembereza imbwa buri munsi, ariko nyuma y'ibyo akaba ari njye nyitaho na we nkamwitaho.